M10/1/A1KIN/SP1/KIN/TZ0/XX

22100551

International Baccalaureate®
Baccalauréat International
Bachillerato Internacional

**KINYARWANDA A1 – STANDARD LEVEL – PAPER 1**
**RWANDA A1 – NIVEAU MOYEN – ÉPREUVE 1**
**KINYARWANDA A1 – NIVEL MEDIO – PRUEBA 1**

Thursday 13 May 2010 (afternoon)
Jeudi 13 mai 2010 (après-midi)
Jueves 13 de mayo de 2010 (tarde)

1 hour 30 minutes / 1 heure 30 minutes / 1 hora 30 minutos

---

INSTRUCTIONS TO CANDIDATES

- Do not open this examination paper until instructed to do so.
- Write a commentary on one passage only. It is not compulsory for you to respond directly to the guiding questions provided. However, you may use them if you wish.

INSTRUCTIONS DESTINÉES AUX CANDIDATS

- N'ouvrez pas cette épreuve avant d'y être autorisé(e).
- Rédigez un commentaire sur un seul des passages. Le commentaire ne doit pas nécessairement répondre aux questions d'orientation fournies. Vous pouvez toutefois les utiliser si vous le désirez.

INSTRUCCIONES PARA LOS ALUMNOS

- No abra esta prueba hasta que se lo autoricen.
- Escriba un comentario sobre un solo fragmento. No es obligatorio responder directamente a las preguntas que se ofrecen a modo de guía. Sin embargo, puede usarlas si lo desea.


© International Baccalaureate Organization 2010

https://xtremepape.rs/

*Gira icyo wandika kuri* ***umwe gusa*** *mu myandiko ibiri wahawe. Si ngombwa rwose ko usubiza ibibazo wahawe kuko ari ibyo kukuyobora gusa ngo ubashe kwandika neza ku byo usabwa. Ariko rero uragirwa inama zo gusoma neza biriya bibazo kugira ngo bigufashe kubona ingingo wandikaho zihamye.*

**1.**

**Rwanda rw'ubu**

Rwisihinga itema ikirere
Indege ihinda yoga mu bicu
Abayiri mu nda banezerewe
Mu izo mpanda z'imivumero
Bumva irere ryo mu kirere
Burya iyo igambiriye kuguruka
Ntabwo itomboka nk'udusiga
Ahubwo ibanza kwimenyereza

[…]

Nyamara indege ziri ukwinshi
"Rwanda rw'ubu" yo irahebuje
Amatara yayo ni amatabaza
Ubanza arenga magana atanu
Itatse kurusha amavatiri
Kuko abahanga bayitatse
Bararobanuwe mu mahanga
Ayo mabengeza kuyatera
Ifite amabendera abengerana
Ku mutwe ku nda no mu mugongo
Irabengerana ndetse gusumbya
Zahabu imurikiwe n'izuba
Kuko ari Rwambarira kurimba
Indege y'ubumwe "Rwanda rw'ubu"
Muri gahunda ndende cyane
Yo kwiranduramo ubukoloni
Intwari zaharaniye u Rwanda
Zirobanuramo abahanga
Kabuhariwe muri Sayansi
Na tekinoloji ya Kaminuza
Bamara imyaka mu Bwongereza
Bimenyereza gukora indege



https://xtremepape.rs/

Igamije kwamamaza abayobozi
Babohoje urwa Gasabo
Ngo baruyobore ubuziraherezo
Ejo rutazarohama mu maboko
Y'abadakunda urwatubyaye
Nk'uko intwari zarukunze
Igihe zitanze amaraso yazo
Zifata inkota yo kubohoza
Igihugu ku ngoma y'ibirura
Zigahagarika itsembabwoko.

F S Munezero Gasimba, *Indege y'ubumwe*, *Rwanda rw' ubu*, Kigali (1999)

– Erekana ukuntu umutwe w'uyu muvugo uberanye n'ibikubiye mu mwandiko ubwawo.

– Wavuga iki ku buryo umusizi akoresha ururimi n'iminozanganzo agamije kurondora urugendo rw'iyi ndege idasanzwe?

– Umusizi abigenza ate ngo ahuze imiterere y'umuvugo n'ubutumwa bupfunyitsemo?

– Uhereye kuri uyu muvugo, suzuma ukuntu urwitwazo ari ingingo ikomeye unavuge uburyo rwerekanywe.



https://xtremepape.rs/

**2.**

Kera habayeho umugabo witwaga Giraneza n'umuhungu we Ineza. Bari batuye mu mudugudu witwa Gasabo. Giraneza yari afite inka, ihene n'intama nyinshi ndetse n'ibihumbi by'abagaragu. Ni we wari umukire mu mudugudu wose. Ubwo bukire bwose Giraneza yabukoresheje ikintu kimwe, ari cyo gufasha buri wese. Yarengeye ubuzima bwinshi hanarimo n'ubuzima bw'inyamaswa. Yari umugabo w'imfura.

Igihe kimwe inkuru y'uko mu gihugu cye hari umugabo w'imfura igera ku Mwami, maze arishima nuko afata icyemezo cyo gutumira Giraneza mu ngoro ye. Kubera ko Giraneza yakundaga umuhungu we, yamusabye ko bajyana. Bageze ibwami, umwami abakirana ibyishimo byinshi maze abategurira umunsi mukuru ukomeye. Ibyo umwami yabikoze ashaka ko rubanda rwe rwaza maze rukareba uwo mugabo ufite ubupfura n'ubugiraneza bidasanzwe. Rubanda rwishimiye Giraneza maze baranywa, bararya, barabyina ndetse kubera umunezero ibyo birori byamaze iminsi irindwi.

Aho ibirori birangiriye, Giraneza agomba gutaha umwami asaba Giraneza kumusigira umuhungu Ineza. Giraneza yubahirije icyifuzo cy'umwami kubera kumwubaha. Nuko umwami amwizeza kuzafata neza uwo mwana. Ndetse Umwami yanahishuriye Giraneza ko impamvu yamusigaranye kwari kugira ngo Ineza izabe inshuti y'igikomangoma. Giraneza yanejejwe n'icyo gitekerezo maze bombi batangira gutunganya gahunda z'ubukwe ndetse n'igice kimwe cy'inkwano cyahise kinatangwa.

Ari i bwami, Ineza yagiranye ubucuti bukomeyegi n'igikomangoma. Umugoroba umwe inkuru mbi itaha ibwami ko se wa Ineza arwaye cyane, akaba yifuza rero ko umuhungu asubira iwabo igitaraganya.

Mbere y'uko ise Giraneza apfa yategetse umuhungu we Ineza ko umutungo we wose uzagabanywa abakene, abasheshe akangushye n'abarwayi. Umwami ababazwa n'icyo cyemezo cya Giraneza kubera ko yari atewe ubwoba ndetse atanifuza na gato n'ukuntu yazashyingira umukobwa we umugabo w'umukene. Nuko ahita yohereza ubutumwa Ineza amumenyesha ko atazagaruka na rimwe i bwami.

Igihe imbaraga n'umugambi by'Umwami byo gushakira Igikomangoma, umukobwa we, undi mugabo ukize iburiyemo, Umwami yahise atumaho Ineza ngo agaruke i Bwami. Ineza akigera i Bwami, Igikomangoma cyasabwe n'umunezero mwinshi. Si ukuririmba, si ukubyina ijoro ryose, yewe Igikomangoma cyavuye hasi. Maze Umwami si ukubabara karahava.

Nuko umwami aza gutanga, nyuma y'urupfu rwe, Ineza n'Igikomangoma babana mu munezero usesuye nk'umugore n'umugabo. Barabyara, baratunga baratunganirwa. Babaye abaherwe, maze bafasha abakene n'ubagannye wese yaba uwo mu gihugu cy'Ubwami n'uw'ahandi.

Steven Mugisha, *Ineza Yarongoye Igikomangoma*, Kampala, UCWIA (2008)

– Garagaza uburyo n'inzira zose umwanditsi akoreshamo ururimi n'imvugo zishushanya iyo asobanura abantu b'ingenzi bavugwa muri uyu mugani.

– Gira icyo uvuga ku buryo umwanditsi asobeka ibikorwa biri muri uyu mugani.

– Gira icyo uvuga ku buryo umwanditsi agaragazamo inyigisho zikubiye muri uyu mugani.

– Uyu mugani ubigenza ute ngo utere amarangamutima umusomyi wawo?



https://xtremepape.rs/